CIRCULAIRE Nº 43/55 YA UMWAMI W'URWANDA.

Imyaka na ubuhinge mu kwezi kwa kamena 1955.

Ku Batware ba intara na abatware ba imisozi bose ba Rwanda.

Ndabaramutsa mwes!

Ndabibutsa nkomeje yuko muli iki gihe imvura yongeye kuba nkeya cyane mu Rwanda.

Kubera ko nta mvura yaguye kuva mumboneko z'ukwezi kwa gicurasi, imyaka imwe,cyane cyane amasaka n'ibishyimbo, ntibyeze neza, henshi mu gihugu. Ni ngombwa rwose ko mugira umwete mubyerekeye ihinga, cyane cyane kubya imyaka itunga abantu. Bitabaye bityo akanda cyanga inzara byaba bili hafi.

Niyo mpamvu mutegetswe gutangira vuba guhinga mu bishanga byose bili aho mutwara. Abantu bose babishoboye bategetswe guhinga bashyizeho umwete kurusha ikindi gihe, kandi namwe muhibereye; mukulikije uko bimeze ubu, akaba aliwo mulimo mushyira imbere ya iyindi yose yo mu ntara. Muli ibi, muzakulikiza ibyemejwe byose n'Abategetsi ba Territoire n'aba ubuhinzi babizi neza. Kuva ubu mutegetswe no gukulikiza ibyemejwe byose byashyizweho na abaleba ibya ubuhinge nko guhunika imbuto mu mazu abigenewe.

Nizeye uburyo bwo kumva umulimo wanyu, n'umwete musabigirana,kugirango mushyire imbere cyane ibya ubuhinge mu baturage bose ba Urwanda.-

Nyanza, le 8 Juin 1955.
Umwami w'Urwanda,
(sé) MUTARA RUDAHIGWA.

Ruhengeri
573